# CHUB

## Pain Clinic

# Sobanukirwa neza indwara y'umutwe uhoraho/udakira

Ibitaro bikuru bya Kaminuza bya Butare CHUB, byatangije Service yo **KUVURA UBUBABARE buhoraho** Chronic Pain cg Douleur Chronique.

**Urasabwa ibikurikira:**

- Ubwishingizi
- Guhamagara ukaza kuri randevu (rendez-vous) wahawe
- Kuhagerera isaha wahawe
- Kuhagera uvuga aho uje kwivuza bikakurinda gutegereza ku murongo
- Kuza witwaje amafaranga

2000 rwf niba ufite mutual isanzwe
Cg 5000 rwf
Ku bafite ubundi bwishingizi adasubizwa.

### Birashoboka ko waba wararembejwe n'umutwe udakira ukaba wibaza uko wawivuza.

### Reka turebere hamwe uko urwaye:

Indwara y'umutwe udakira yugarije imbaga y'abantu batari bake ku isi. Rimwe na rimwe impamvu ikaba itazwi. Ubushakashatsi bwerekana ko uyu mutwe bavuga ko ari umutwe udakira iyo uwurwaye nibura ugaruka inshuro kuva kuri 15 kuzamura mu kwezi. Hari abakunda kuwita **migraine** ariko hari ubwoko bwinshi uzamenya hamwe na Muganga**.**

Ese umutwe ukurira hehe? Mu ruhanga? Mu misaya? Uruhande rumwe? Ese ni mu jisho? Ese ni mu gihanga hejuru y'izuru? Cyangwa ni mu mutwe hagati? Ushobora no gusanga ukurira inyuma ukagenda uganisha imbere? Wumva se ukurura imitsi yo mu irugu? Cyangwa mu bitugu? Uba wumva ukurya uhonda nk'inyundo? Cyangwa wumva uremereye wenda guturika?

Birashoboka ko iyo ukurya uba udashaka kureba mu rumuri, gufungura amaso? Cyangwa ukumva wasukamo amazi umeze nk'uri gushya? Cyangwa ugakanda cyane mu misaya? Nta rusaku nta radio ushaka hafi? Wasanga hari igihe ukurya ukagira isesesmi cyangwa ukaruka? Ukagutera kwiheba cyane ukumva iby'isi ubyanze? Wumva se washyiraho barafu? Ntiwifuza kunama cyangwa kuba wajya ku zuba? Wumva ukubitira mu jisho ukagira ngo riravamo?
**Hari igihe uyu mutwe wasanga utuma akazi utagashobora? Ukabwira abantu nabi, abo mubana ukabashihura? Ugatuma nta na kimwe witaho ngo ugikore neza?**

**Wumva warabihiwe n'ubuzima? Waba se waragerageje imiti? Ikindi cyose se kitari imiti? Warivuje se? Cyangwa byaranze wumva ugomba kubireka burundu?**

**Wahamagara kuri numero zikurikira ugahabwa ubusobanuro bw'uko wagera kuri Muganga wagufasha ku burwayi bwawe bwakurembeje.**

**AS: 0786526301 AU: 0783055606 EB: 0788653856**